# 414: Urutare rw'Imana

1. Urutare rw'Imana N' ingab' idukingira. Duce ku Musaraba, Tunesh' Umwanzi wacu.

2. Tugende mu misozi, Tubabwir' ibya Yesu : Maze, na bo bakizwe. Be kujya mu muriro,

3. Isi yacu yuzuye Agahinda n'ibyaha; Satani yagwijije Abo yahumishye.

4. Bene wacu bo mu ngo Ntabwo bazi Krisito : Baribaz' ukw ameze No gukizw' icy'ari cyo.

5. Abahisemo Yesu, Nimuze, dutambuke, Twerekan' ubuntu bwe N'amaraso twozemo.

6. Kand' abishushanije Ntibazajya mw ijuru, Kerets’ abakijijwe, Buhagijw' amaraso.

7. Abafit’ idini nsa, Bakayoberwa Yesu, Ni bo batubabaza : Ntibazajya mw ijuru !

8. Nshuti, warahemutse; Yes’ uramubabaje. Dore, wamuvuyeho, Wibagirw' ubuntu bwe.

9.

Nanjy’ Iman' inkomeze,Ne kujya mubabaza; Nukw amfash' anyobore, Nite ku rukundo rwe.

Visit us at indirimbo.com